REPUBULIKA Y'URWANDA

IKIGO GISHINZWE UMUTUNGO KAMERE MU RWANDA (RNRA)
URWEGO RW'UMUBITSI W'IMPAPUROMPAMO Z'UBUTAKA
P.O. Box: 433 Kigali

ITANGAZO

Mu rwego rwo gukomeza koroshya ishoramari mu Rwanda, Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka mu Rwanda aramenyesha abantu bose bifuza gukora iherererekanya ku mutungo utimukanywa ufite ibyangombwa by'ubutaka bwagenewe ubucuruzi n'inganda ko iryo herererekanya rikorwa mu munsi umwe gusa ku butaka buherereye mu Mujyi wa Kigali.

Uwifuza gukora iryo herererekanya asabwa ibi bikurikira:

- Kuzuza inyandiko y'iherererekanya ry'umutungo w'ubutaka iri ku rubuga rwa interineti rw'Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda (www.rnra.rw).
- Inyandiko igaragaza aho yishyuriye amafaranga y'iherererekanya ry'ubutaka angana n'ibihumbi makumyabiri na birindwi (27,000FRW) kuri konti y'Akarere ubutaka buherereyemo.
- Ibyangombwa by'umwimerere by'ubutaka bw'ubucuruzi cyangwa inganda
- Kopi z'ibiranga ababererekanya (uwaguze n'uwagurishije)
- Nta bahamya.

Iyi gahunda izajya ikorerwa mu biro by'ifasi y'Umubitsi w'Impampamo z'ubutaka mu Mujyi wa Kigali biherereye muri Basement 2 mu igorofa NYARUGENGE PENSION PLAZA iri inyuma ya Station Sopetrad ku muhanda KN 3 Av. Kwakira abakora iherererekanya bikorwa mu gitondo, bagahabwa ibyangombwa byabo uwo munsi.

Ibi biratangira gukurikizwa kuri uyu wa 14./.04./2015

OFFICE OF THE REGISTAR OF LAND TITLES
REPUBULIKA Y'URWANDA

Dr. Emmanuel NKURUNZIZA
Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka
Akaba n'Umuyobozi Mukuru wa RNRA